**IMYANZURO Y'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GASABO YATERANYE KU WA 01 MATA 2015**

Ku wa gatatu tariki ya 01 Mata 2015, saa kumi z'umugoroba (16h00) mu cyumba cy'inama cy'Akarere ka Gasabo, hateraniye inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo, iyobowe n'Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo **Bwana MUNYENTWARI Alfred.**

Ku Bajyanama 29 bagize Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo, iyi nama yitabiriwe n'Abajyanama 27 bakurikira:

**Abajyanama bitabiriye inama**:

1. Umujyanama MUNYENTWARI Alfred (Umuyobozi w'Inama Njyanama)
2. Umujyanama KAREMERA Francis ( Umuyobozi wungirije w'Inama Njyanama)
3. Umujyanama MUKESHIMANA Régine ( Umunyamabanga w'Inama Njyanama)
4. Umujyanama KANKINDI G. Rose
5. Umujyanama KAREGA Diogène
6. Umujyanama KAYISIRE Callixte
7. Umujyanama MASOZERA G. Pierre
8. Umujyanama MBERABAHIZI Raymond Chrétien
9. Umujyanama MUGENZI N. Léon
10. Umujyanama MUHINDA David
11. Umujyanama MUKARUBUGA Ancilla
12. Umujyanama MUKARUKIZA Félicité
13. Umujyanama MULIGANDE Benjamin
14. Umujyanama MUNYANGEYO Dieudonné Kennedy
15. Umujyanama MUSABYIMANA K. Yvonne
16. Umujyanama MUSIRIKARE David
17. Umujyanama MUSSOLINI Eugène
18. Umujyanama MUZINGA Sam Mandela
19. Umujyanama NGENDO Alphonse
20. Umujyanama NSENGIYUMVA Ildephonse
21. Umujyanama NYIRABAHIRE Langwide
22. Umujyanama RWAMULANGWA Stephen
23. Umujyanama SHEMA NGOGA Fabrice
24. Umujyanama UMULIZA Jackline
25. Umujyanama UWAMAHORO Claudine
26. Umujyanama UWANTEGE Solange
27. Umujyanama UWIMANA UMULISA Enatha

**Abajyanama batitabiriye inama bafite impamvu zizwi:**

1. Umujyanama GACONDO Frédéric
2. Umujyanama UWANTEGE Olive

**Abandi bitabiriye inama:**

1. Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere;
2. Umuyobozi w'Ishami ry'Imiyoborere Myiza w'agateganyo.

**UKO INAMA YAGENZE N'IMYANZURO YAFASHWE.**

Mbere yo gutangira inama habanje umuhango wo kurahira kw'Abajyanama 2 bashya batowe: Uhagarariye Umurenge wa Bumbogo Bwana MUNYANGEYO Dieudonné Kennedy watowe nk'Umujyanama Rusange uhagarariye Umurenge wa Bumbogo na Bwana MUSSOLINI Eugène Umujyanama uhagariye abafite ubumuga ku rwego rw'Akarere, barahiriye imbere y'Inama Njyanama indahiro yakirwa na Madamu UWANTEGE Yvette Umucamanza mu rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo afashijwe na Madamu DUKUZEMARIYA Annonciata umwanditsi w'urwo Rukiko.

Nyuma yo kwakira indahiro z'Abajyanama bamaze kurahira, guha ikaze Abajyanama bashya barahiye, no kuririmba indirimbo yubahiriza Igihugu, Umuyobozi w'Inama Njyanama yagejeje ku bitabiriye inama ingingo ziri busuzumwe muri iyi nama, maze ku bwumvikane busesuye barazemeza bemeza ko zikurikirana mu buryo bukurikira:

**INGINGO ZASUZUMWE N'UBURYO ZAKURIKIRANYE**

1. Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama yateranye ku wa 15.2. 2015;
2. Raporo ya Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu:
   I. Amafaranga yari yaragenewe gutunganya site ya Musave;
   II. Amafaranga yari yaragenewe inyubako y'Akarere;
   III. Imicungire ya gare ya Kabuga;
   IV. Amafaranga yahawe Akarere nyuma yo kwemeza ingengo y'imari ivuguruye;
   V. Amasezerano y'Ubukode bw'utuzu ducururizwamo mu isoko rya Kimironko;
3. Ikibanza kizahabwa ZALLAO Company nk'ingurane y'ikibanza cyubakwamo Umurenge wa Kimihurura;
4. Gusuzuma no kwemeza inyandiko ngenderwaho mu mitangire ya serivisi zihabwa Abaturage (Standard Service Charters).

**<u>Ingingo ya mbere</u>: Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama yateranye ku wa 15 Gashyantare 2015**

Umunyamabanga w'Inama Njyanama yahawe umwanya asomera abitabiriye inama inyandikomvugo y'inama yateranye ku wa 15 Gashyantare 2015, ndetse anabagezaho ibaruwa Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali yanditse asubiza kuri iyo myanzuro, yemeza ko yose ishobora gushyirwa mu bikorwa.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho iyo nyandikomvugo, Umuyobozi w'Akarere yahawe umwanya asobanura aho imyanzuro yemejwe muri iyo nama igeze ishyirwa mu bikorwa.

Nyuma yo gutanga ubugororangingo no gusuzuma uko imyanzuro yafashwe yashyizwe mu bikorwa basabye Komite Nyobozi kwihutisha ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro yafashwe itarashyirwa mu bikorwa maze nyuma bemeza umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N$^{o}$ 45.01.599**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yateranye ku wa 15 Gashyantare 2015 imaze kuyikorera ubugororangingo.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy'inama.

**Ingingo ya kabiri: Raporo ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu**

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu, yahawe umwanya amenyesha abari mu nama ko raporo yateguye kubagezaho ikubiyemo ingingo zikurikira:

I. Amafaranga yari yaragenewe gutunganya site ya Musave;
II. Amafaranga yari yaragenewe inyubako y'Akarere;
III. Imicungire ya gare ya Kabuga;
IV. Amafaranga yahawe Akarere nyuma yo kwemeza ingengo y'imari ivuguruye;
V. Amasezerano y'Ubukode bw'utuzu ducururizwamo mu isoko rya Kimironko;

**2.1.Amafaranga yari yaragenewe gutunganya site ya Musave**

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'iterambere ry'Ubukungu yagejeje ku bagize Inama Njyanama ko yasuzumye icyifuzo yagejejweho na Komite Nyobozi cyo kuvana amafaranga yari yarateganyirijwe igikorwa cyo gutunganya site ya Musave mu Murenge wa Bumbogo, maze akimurirwa mu gikorwa cyo gutunganya site ya Nyagahinga mu Murenge wa Rusororo, bitewe n'uko hashingiwe ku gishushanyo mbonera cy'Umujyi wa Kigali, Akarere kasanze Site ya Musave yaragenewe ubuhinzi. Ibyo rero bigatuma basaba ko ubu ayo mafaranga yakwimurirwa mu bikorwa byo gutunganya site ya Nyagahinga.

Ikindi Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu yasobanuye ni uko Komite Nyobozi yabijeje ko nta mpungenge zihari zo gutunganya site ya Nyagahinga kuko hasanzwe ari ubutaka bw'Akarere bwagenewe guturwamo, kandi amafaranga akazakoreshwa mu buryo bwari bwarateganyijwe bwo gukoresha imbaraga z'abaturage muri gahunda ya VUP (public works) mu rwego rwo kugira ngo imirimo yihutishwe.

Abari mu nama bamaze kungurana ibitekerezo ku mpamvu ahagombaga gutuganywa site yo gutuzamo abantu i Musave mu Murenge wa Bumbogo havutse ikibazo cy'uko ubwo butaka ku

gishushanyombonera cy'Umujyi wa Kigali bugenewe ubuhinzi butemerewe guturwamo, basanze iki gikorwa cyahindurirwa kuri site ya Nyagahinga bityo ingengo y'imari yari yarateganyirijwe ibikorwa bikimurirwa kuri site ya Nyagahinga, maze hemezwa umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 45.02.600**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko hahindurwa umurongo w'ingengo y'imari, maze amafaranga yari yaragenewe gutunganya site ya Musave akimurirwa mu gikorwa cyo gutunganya site ya Nyagahinga ho mu Murenge wa Rusororo.

**Umwanzuro N° 45.03.601**

Kubera ko iki gikorwa gisanzwe kiri mu mihigo y'Akarere, Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasabye Komite Nyobozi ko yakomeza gukurikirana igikorwa cyo guhinduza uyu muhigo isobanura ko ibikorwa byari gukorerwa muri Musave byimuriwe muri Nyagahinga mu Murenge wa Rusororo.

Iyi myanzuro yemejwe n'Abajyanama 25/25 bari mu cyumba cy'inama.

**2.2.Amafranga yari yaragenewe inyubako y'Akarere ka Gasabo**

Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu, yagejeje ku Nama Njyanama ko yasuzumye icyifuzo yagejejweho na Komite Nyobozi cyo kwimura amafaranga yari yaragenewe inyubako y'Akarere ka Gasabo agashyirwa mu gikorwa cyo kugeza amazi meza ku baturage bo mu Kagari ka Ngara mu Murenge wa Bumbogo, bitewe n'uko igikorwa cyo kubaka inyubako y'Akarere cyari mu mihigo y'Akarere ndetse cyaranateganyirijwe ingengo y'imari, ariko haje kuboneka imbogamizi zo kubona ikibanza cyo kubakamo inyubako y'Akarere kuko ahari hateganyijwe inzego nkuru zagaragaje ko hataboneye.

Ikindi Komisiyo y'Imari n'iterambere ry'Ubukungu yamenyesheje Inama Njyanama ni uko, Komite Nyobozi imaze kumenyeshwa ko ahateganyijwe hataboneye kandi ariho hari harakorewe inyigo, Akarere kandikiye MINALOC gasaba ko uyu muhigo wakurwa mi mihigo, hagasigara byibura gukora inyigo kandi ko nyuma MINALOC nayo yandikiye Misitiri w'Intebe isaba ko byakurwa mu mihigo y'uyu mwaka.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho raporo ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu, bunguranye ibitekerezo ko Komite Nyobozi isobanura ko uyu muhigo yawusimbuza undi ariko hakarebwa igikorwa kizagira impinduka nziza ku mibereho myiza y'abaturage. Akaba ari muri urwo rwego hatoranyijwe igikorwa cyo kugeza amazi muri Ngara mu murenge wa Bumbogo.

Abari mu nama bamaze gusobanurirwa ku buryo burambuye ko nta mbogamizi zihari zo kuba ayo mafaranga yashyirwa ku kindi gikorwa gifite ingaruka nziza ku buzima bw'abaturage mu gihe hagishakishwa ikindi kibanza kizubakwamo ibiro by'Akarere, bunguranye ibitekerezo maze bemeza imyanzuro ikurikira:

**Umwanzuro N⁰ 45.04.602**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko habindurwa umurongo w'ingengo y'imari maze amafaranga yari yaragenewe inyubako y'Akarere ka Gasabo akimurirwa mu gikorwa cyo kugeza amazi mu Kagari ka Ngara mu Murenge wa Bumbogo.

**Umwanzuro N⁰ 45.05.603**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasabye Komite Nyobozi y'Akarere gukomeza gukurikirana uburyo bwo guhindura uyu muhigo wo kubaka Akarere, ugasimbuzwa uwo kugeza amazi meza mu Kagari ka Ngara mu Murenge wa Bumbogo.

Iyi myanzuro yemejwe n'Abajyanama 24/24 bari mu cyumba cy'inama

**2.3.Imicungire ya gare ya Kabuga**

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yagejeje ku nama \Njyanama ikibazo kirebana n'imicungire ya gare ya Kabuga aho Komite Nyobozi ibona imbogamizi ku micungire ya gare ya Kabuga, yerekana ko kuva iyi gare yatangira gukorwa imaze gutwara amafaranga menshi kandi na nubu ikaba ikenewe kongerwamo ayandi kuko imirimo yo kuyubaka itararangira, nyamara bikaba bigaragara ko nta musaruro itanga kubera ko ubu yinjiza gusa amafaranga agera kuri miliyoni eshatu ku kwezi yatangiye kwishyurwa kuva muri Nyakanga 2014.

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu asoza yamenyesheje abagize Inama ko bamaze gusuzuma iki kibazo basanze icyifuzo cya Komite Nyobozi gifite ishingiro kuko iyi gare igikeneye kongerwamo ayandi mafaranga menshi kugira ngo yuzure, ndetse nibyamaze kubakwa bishobore gufatwa neza, maze Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu itanga inama ko iyi gare yagurishwa biciye mu cyamunara, Akarere kagashyiraho ibyo kifuza gare yaba yujuje, maze kakajya kungukira mu misoro kuko n'ubusanzwe katabona amafaranga yo kuyirangiza mu gihe ikomeje kurushaho kwangirika.

Abagize Inama Njyanama bamaze kumva ibibazo biri kuri gare ya Kabuga, bunguranye ibitekerezo maze basanga iyi gare idatanga umusaruro uko bikwiye kandi isaba amafaranga yo kuyirangiza menshi kugira ngo ibe yujuje ibisabwa byose, maze bemeza umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N⁰ 45.06.604**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo ishingiye kuri raporo ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yemeje ko gare ya Kabuga yagurishwa mu buryo bwubahirije amategeko (binyuze mu buryo bwa cyamunara), hakubakwa gare igendanye n'igihe bityo Akarere kakajya kungukira mu misoro izatangwa n'abayitsindiye.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 24/24 bari mu cyumba cy'inama.

## 2.4.Amasezerano y'ubukode bw'utuzu ducururizwamo mu isoko rya Kimironko

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yamenyesheje abagize Inama Njyanama ko yasuzumwe ikibazo cy'amasezerano y'imyaka itanu (2009-2014), abakoreraga mu mazu yo mu isoko rya Kimironko bari bafitanye n'Akarere ka Gasabo, avuga ko yarangiranye n'ukwezi kwa Mutarama 2015. Hagaragajwe ko mu masezerano abacuruzaga bagiranye n'Akarere muri icyo gihe, buri muryango wakodeshwaga ibihumbi mirongo itandatu (60.000 Frw) ku kwezi.

Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu, yasobanuye ko n'ubwo ayo masezerano yarangiye, basanga amafaranga yatangwaga atakigendanye n'igihe, kuko hagendewe no kubushakashatsi bwakorewemo, abenshi bacururizamo bakodesha ku giciro gihanitse abari basanzwe bafitanye amasezerano n'Akarere, ibi rero bikaba biri mu byatuma ibiciro by'ubukode bihindurwa.

Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu yasobanuye ko mu rwego rwo gukumira ibibazo byavuka mu itangwa ry'ibibanza, hatekerejwe guha amahirwe abari basanzwe bakoreramo, hagafatirwa ku mafaranga abacururizamo bishyura abagiranye amasezerano n'Akarere. Komisiyo yagaragaje kandi urutonde rw'abagiranye amasezerano n'Akarere bakodesha n'abandi bantu kandi ku giciro kiri hejuru cyane, bityo abagize Komisiyo bakaba bemera ko amafaranga yari yaremeranyijweho mu masezerano hagati y'Akarere n'abacuruzi muri icyo gihe angana na 60.000 Frw atakijyanye n'igihe tugezemo, bityo umuryango ukaba washyirwa ku mafaranga ibihumbi magana abiri buri kwezi (200.000 Frw/mois).

Ikindi Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu, yatanzeho inama ni uko amasezerano yakorwa atarenza igihe cy'umwaka kubera ko hari gahunda yo kugurisha ikibanza kirimo iri soko rya Kimironko, kugira ngo igihe habayeho kugurisha ikibanza kirimo iri soko, bitazabangamira abakoreramo amasezerano bagiranye n'Akarere atararangira.

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho raporo ya Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu ku masezerano y'ubukode bw'imiryango yo mu isoko rya Kimironko, kungurana ibitekerezo ku masezerano yarangiye mu Ukuboza 2014, no kugaragarizwa ikibazo cy'uko abagiranye amasezerano n'Akarere ataribo bakoreramo ahubwo nabo bagiranye amazerano n'abandi bantu, bunguranye ibitekerezo hafatwa imyanzuro ikurikira:

**Umwanzuro N$^o$ 45.07.605**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko amasezerano y'ubukode bw'imiryango icururizwamo mu isoko rya Kimironko yavugururwa, igiciro ku muryango kikava ku mafaranga ibihumbi mirongo itandatu ku kwezi kigashyirwa ku mafaranga ibihumbi magana abiri ku kwezi (200.000 Frw) kuri buri muryango, kandi hagahabwa amahirwe abari basanzwe bacururizamo kandi aya masezerano agahabwa igihe cy'umwaka umwe.

**Umwanzuro N° 45.08.606**

Inama Njyanama yemeje ko igihe ikibanza kizaba kirimo isoko rya Kimironko kizaba cyagurirshijwe, Komite Nyobozi yanoza neza amasezerano kazagirana n'uzacyegukana kugira ngo abacururiza muri iryo soko batazahungabanywa.

**Umwanzuro N° 45.09.607**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasabye Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe iterambere ry'Ubukungu kuzakurikirana by'umwihariko ikibazo cy'amafaranga y'ubukode bw'amazu acururizwamo mu isoko rya Kimironko yagombaga gutangwa kuva muri Mutarama 2015 kugeza igihe amasezerano azakorerwa.

Iyi myanzuro yemejwe n'Abajyanama 24/24 bari mu cyumba cy'inama.

**2.5. Amafaranga yahawe Akarere nyuma yo kwemeza ingengo y'imari ivuguruye**

Kuri iyi ngingo, Perezida wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu, yasabye Umuyobozi w'Inama Njyanama ko bakwemerera Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere akabagezaho ibikubiye muri iyi ngingo, maze ku bwumvikane busesuye barabyemeza.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa amaze guhabwa umwanya, yasobanuye ko nyuma y'uko Inama Njyanama yemeje ingengo y'imari ivuguruye y'Akarere ka Gasabo 2014-2015 mu nama yateranye ku wa 28/12/2014, umukozi ushinzwe ingengo y'imari akajya kuyinjiza muri system ya Smart FMS, ingengo y'imari ituruka ku mafaranga ava hanze (earmarked) yagabanutse bikozwe na MINECOFIN mu gusaranganya n'ibindi bigo. Asobanura ko ibi byatumye ingengo y'imari ivuguruye y'Akarere ka Gasabo iva kuri miriyari cumi n'eshanu miriyoni magana atanu na mirongo itanu n'umunani n'ibihumbi magana atanu mirongo itandatu na bitatu na magana atanu na mirongo itanu n'icyenda by'amafaranga y'u Rwanda (15,558.563.559 Frw) ijya kuri miriyari cumi n'eshanu miriyoni ijana na cumi n'eshatu n'ibihumbi magana inani mirongo itandatu n'umunani na magana arindwi n'icyenda by'amafaranga y'u Rwanda (15,113,868,709).

Abagize Inama Njyanama bamaze kugezwaho impinduka zabaye ku ngengo y'imari ivuguruye 2014-2015 no kungurana ibitekerezo ku mpamvu zatumye habaho izo mpinduka bagasanga zaraturutse muri MINECOFIN, kandi ariyo icunga iyo system, bunguranye ibitekerezo maze bemeza umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 45.10.608**

Inama Njyanama yasubiye ku cyemezo N° 43.6.567 gishyiraho ingengo y'Imari ivuguruye y'Akarere ka Gasabo 2014-2015 no ku mwanzuro N° 43.6.567 yemeza ingengo y'imari ivuguruye y'Akarere ka Gasabo y'umwaka wa 2014-2015 ingana na miriyari cumi n'eshanu miriyoni magana atanu na mirongo itanu n'umunani n'ibihumbi magana atanu mirongo itandatu na bitatu na magana atanu na mirongo itanu n'icyenda by'amafaranga y'u Rwanda (15,558.563.559 Frw) maze yemeza ko ingengo y'imari ivuguruye y'Akarere ka Gasabo ihwanye na miriyari cumi n'eshanu miriyoni ijana na cumi n'eshatu n'ibihumbi magana inani mirongo itandatu n'umunani na magana arindwi n'icyenda by'amafaranga y'u Rwanda (15,113,868,709), nk'uko biri muri system ya MINECOFIN.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy'inama.

**<u>Ingingo ya gatatu</u>: Ikibanza kizahabwa ZALLAO Company nk'ingurane y'ikibanza cyubakwamo Umurenge wa Kimihurura**

Kuri iyi ngingo, Umuyobozi w'Akarere yahawe umwanya ageza ku Nama Njyanama aho ikibazo cyo guha ZALLAO Company ingurane ku kibanza cyubakwamo ibiro by'Umurenge wa Kimihurura, asobanura ko hashingiwe ku mwanzuro N° 43.19.580 wemejwe n'Inama Njyanama ku wa 28/12/2014, uvuga ngo: "*Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje ko ikibanza gifite UPI 3639 gifite ubuso bwa m² 5000 kiri mu Murenge wa Gisozi hafi ya APAPEC, hashakwa ibyangombwa byacyo mu buryo bwihuse, kizatangwaho ingurane y'ikibanza cya **ZALLAO** Company cyubakwamo Umurenge wa Kimihurura*", asobanura ko Akarere nyuma yo kubona ibyangombwa by'icyo kibanza basanze gifite ubuso bwa m² 7000, ariko mu by'ukuri ahatubatse hafite ubuso bugera kuri m² 5962,17.

Ikindi Umuyobozi w'Akarere yasobanuye ni uko nyuma yo kuhasura ZALLAO Company yemeye ko yahabwa nk'ingurane ikibanza gihari cyose kitubatse avuga ko agaciro k'ikibanza cya Kimihurura katangana n'ako ku Gisozi.

Abari mu nama bamaze kugezwaho imiterere y'ikibazo no kungurana ibitekerezo, bemeje umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro N° 45.11.609**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yasubiye ku mwanzuro N° 43.19.580, maze yemeza ko **ZALLAO** Company yahabwa ikibanza cy'Akarere ka Gasabo kitubatsemo giherereye mu Mudugudu Rwinyana, AKagari ka Musezero mu Murenge wa Gisozi nk'ingurane y'ikibanza Akarere kubakamo ibiro by'Umurenge wa Kimihurura cyahoze ari icyayo.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 22/22 bari mu cyumba cy'inama.

**<u>Ingingo ya kane</u>: Gusuzuma no kwemeza inyandiko ngenderwaho mu mitangire ya serivisi zihabwa abaturage (Standard Service Charters).**

Umuyobozi w'Akarere yagejeje ku Nama Njyanama ibaruwa No 0446/07.01 yo ku wa 19/3/2015, Minisitieri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, yandikiye Abayobozi b'Uturere twose asaba ko Inama Njyanama ya buri Karere yakwemeza "Standard Service Charters", maze abagezaho inyandiko yateguwe ikubiyemo serivisi zose zitangirwa mu Karere ka Gasabo kuva ku rwego rw'AKagari kugeza ku Karere. Yasobanuye ko mukuyitegura hagendewe ku nyandiko yatanzwe na MINALOC ndetse hagenderwa no kuri serivisi zisanzwe zitangwa kandi hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko n'amabwiriza.

Abari mu nama bamaze gusuzuma ko serivisi zose zitangwa n'Akarere kuva ku rwego rw'AKagari kugeza ku Karere zose zirimo no gukora ubugororangingo, bunguranye ibitekerezo maze nyuma bemeza umwanzuro ukurikira :

**Umwanzuro N° 45.12.610**

Inama Njyanama y'Akarere ka Gasabo yemeje inyandiko igaragaza serivisi zibahwa abaturage zitangirwa ku rwego rw'Akarere kugeza ku Kagari "Standard Service Charters", Komite Nyobozi y'Akarere na Komisiyo y'Imiyoborere Myiza bamaze guhura bakongeramo ubugororangingo bwatanzwe.

Uyu mwanzuro wemejwe n'Abajyanama 21/21 bari mu cyumba cy'inama.

Mbere yo gusoza inama Umuyobozi w'Akarere yahawe umwanya ageza ku Nama Njyanama amatangazo yihutirwa, harimo igikorwa cya Fundraising yo kuremera Abanyarwanda birukanywe mu Gihugu cya Tanzaniya iteganyijwe ku itariki ya 4 Mata 2015, abamenyasha n'uburyo giteganyijwe ndetse abasaba kuzacyitabira.

Umuyobozi w'Akarere yagejeje ku Nama Njyanama gahunda yo kwibuka ku nshuro ya 21 Jenoside yakorewe Abatutsi muri Mata 1994, abamenyesha ko muri uyu mwaka umuhango wo kwibuka uzabera ku rwego rw'Imidugudu.

Inama yari yatangiye saa kumi z'umugoroba (16h00), yashoje imirimo yayo saa mbiri n'iminota mirongo itanu z'ijoro (20h50), Umuyobozi w'Inama Njyanama asoza ashimira Abajyanama ubwitange bagira kandi yifuriza imirimo myiza Abajyanama bashya barahiye. Amenyesha Inama Njyannama ko Umujyanama Rusange uhagarariye Umurenge wa Jabana mushya watowe atabashije kuza kurahira kuko yakoze impanuka akaba ari mu bitaro.

Bikorewe i Gasabo ku wa 1 Mata 2015.

| Umwanditsi w'inama | Umuyobozi w'inama: |
|---|---|
| **MUKESHIMANA Régine** | **MUNYENTWARI Alfred** |
| Umunyamabanga w'Inama Njyanama | Umuyobozi w'Inama Njyanama |
| y'Akarere ka Gasabo | y'Akarere ka Gasabo |

INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA GASABO
REPUBULIKA Y'U RWANDA